EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YA PASIKA : 16 Mata 2017

*Mu mwaka wa Yubile y'imyaka 100 y'Ubupadiri mu Rwanda*

*+Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa KABGAYI*

# "Ibi mujye mubikora munyibuka" *(Lk 22, 19)*

## 1. Yezu ati: "Ibi mujye mubikora munyibuka"

Bakristu bavandimwe, nahisemo gushingira ubutumwa bwa Pasika y'uyu mwaka kuri iyi nteruro: ***"Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk 22, 19)***. Iyi nteruro muyumva kenshi iyo Padiri asoma misa, ageze ahatagatifu rwose. Murabizi ko turi mu rugendo rwa Yubile y'imyaka 100 umwana wa mbere w'umunyarwanda yahereweho ubupadiri hano i Kabgayi, **kuwa 07 Ukwakira 1917.**

Ubwo Yezu yasangiraga n'Intumwa ze ubwa nyuma, bari ku meza, araye ari budupfire, bamaze gufungura, yarababwiye ati: ***"Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk 22, 19)***. Ubwo aba abinjije mu ibanga rya Pasika yari yatangiye kubaho mu isangira rya nyuma. Niba Padiri arivuga igihe cyose atura Ukaristiya, si umuhango aba akora gusa, nubwo ari umuhango mutagatifu rwose. Ni igikorwa ngenga-mimerere ya Kiliziya yibuka buri gihe, gishingiye kuri Pasika ya Nyagasani Yezu, ari nayo Pasika yacu *(reba Yoh 13, 1…)*. Mu isangira rya nyuma Yezu Kristu yatangije Pasika nshya y'iteka rishya, ku mugoroba w'uwa kane mutagatifu, mu bubabare n'urupfu ku musaraba, n'ihambwa rye, kuwa gatanu mutagatifu *(Yoh 18-19)*; byose bikuzurizwa mu ijoro ry'uwa gatandatu rishyira icyumweru, aho Imana Data yazuraga Yezu mu bapfuye *(Yoh 20, 1-10)*. Ngiyo Pasika yacu!

Iyo rero Padiri avuga aya magambo ngo ***"Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk 22, 19)***, humvikanamo isangira rya nyuma, ububabare, umusaraba, urupfu n'ihambwa bya Kristu; hanyuma byose bikuzurizwa mu izuka, ari ryo banga rya Pasika yacu.

Ibi Yezu yavugiye mu isangira rya nyuma ngo ***"Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk22, 19)***, byari bifite icyerekezo, amateka, ubutumwa n'ububasha Yezu yari araze Intumwa ze. Kandi uko yabibabwiye, nubwo icyo gihe batari babasha kubishyikira, igihe cyarageze barabyumva, baremera, barabikora, barabihamya *(Intu 10, 34-43)*.



Tél. : +250 252 562 103
+250 252 562 104
+250 (0)78 25 72 506
+250 (0)78 49 15 214
+250 (0)78 85 16 346

e-mail : dkabgayi@gmail.com
vgkabgayi@yahoo.fr

## 2. Uko yagakunze abe bari mu nsi, yongera kubakunda byimazeyo *(Yoh 13, 1…)*

Umwanditsi w'Ivanjiri ya Yohani, ati: ***"Uko yagakunze abe bari munsi, yongera kubakunda byimazeyo" (Yoh 13, 1…)***. Ni ijambo rya Yohani, nk'intumwa yari ihibereye kandi itarigeze yima Yezu umushyikirano uvuye ku mutima, riduha imyumvire ishyitse y'ibyo Yezu yakoze, mu isangira rya nyuma. Byose byari bishingiye ku kibatsi cy'urukundo Yezu yari yifitemo kandi yashatse kugira ishingiro rya Pasika ye.

Kuba yarabatoye akanabakunda, akanabinjiza atyo muri Pasika ye agira ati: ***"Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk 22, 19)****;* Yezu nk'umwana w'Imana ukunda isi yaje gukiza ibyo yakoraga nk'umuntu mu gihe cye, byagombaga kuzakomeza na nyuma yaho. Ni yo mpamvu aya magambo Padiri avuga iyo atura Igitambo cy'Ukaristiya, ni Pasika yacu aba yizihiza hamwe n'ikoraniro ry'abemera; agamije gucana muri we no mu ikoraniro ryose cya kibatsi cy'urukundo Yezu yakoranye iyi Pasika. Bavandimwe, duharanire gukunda Yezu Kristu uko yadukunze.

Koko rero araye ari budupfire, bicaye ku meza, amaze kuboza ibirenge, yafashe umugati awuha umugisha, ati ***"Nimwakire murye: iki ni umubiri wanjye".*** Afata na divayi ayiha umugisha, *ati **"Nimwakire munywe, aya ni amaraso yanjye… ibi mujye mubikora munyibuka**" (reba 1Kor 11, 23-26).* Bityo Yezu Kristu aba ashinze Isezerano rishya na Pasika nshya, abishyira mu ishusho ry'umugati na divayi, abihereza Intumwa ze, azitegeka kujya zibikora zimwibuka. Ubwo aba anashyizeho atyo amasakaramentu abiri aranga Kiliziya kandi ayitunze, ariyo: Ukaristiya ntagatifu ngo itunge abakristu mu ibanga rya Pasika, n'Umusaserdoti ngo ayibere umuhereza ubikora yibuka Pasika ya Nyagasani Yezu.

## 3. Ukaristiya na Padiri bavutse ari impanga

Ukaristiya na Padiri ni impanga ariko ntibareshya. Ni amasakaramentu abiri aranga Yezu Kristu muri Pasika ye, ku buryo bunyuranye nyamara budatana muri Kiliziya. Ayo masakaramentu yombi akaba abereyeho kubaka Kiliziya no kuyikomeza mu ibanga rya Pasika. Yezu Kristu wumvaga ibigiye kumubaho, akamenya n'akamaro bifitiye abazamwemera bose, yashatse kugumishaho iyo ngabire ihatse izindi ya Pasika ye, maze aturemera Ukaristiya, arema n'Ubusaserdoti bushingiye ku bwe ; buzaba umuhereza w'Ukaristiya muri Kiliziya. Uwo mubano uzira ubutane bw'Ukaristiya na Padiri ni isano n'isura ikomeye mu mibereho ya Kiliziya yacu. Ukaristiya ivukana na Padiri, iramuhatse, ikamutunga, na we akayitungisha abo ashinzwe amaze kubategura. Turamutse tubyumvise uko biri, twashigukira icyarimwe, tukiyamira tuti : « Pasika yacu uragahoraho ! ».

## 4. Ukaristiya na Padiri mu ibanga rya Pasika

Icy'ibanze aya masakaramentu yombi ahuriyeho, nuko yaremwe mu mugoroba umwe, mu kibatsi kimwe cy'urukundo Kristu Yezu yari afitiye abamwemera n'abazamwemera kubera bo *(reba Lk 22, 14-20).* Igihe cyose rero nk'ikoraniro ry'abakristu dutura Ukaristiya ntagatifu, tuba dukora urwibutso rwa Pasika ya Nyagasani ; ubwô umugaragu mukuru w'Ukaristiya, Umusaserdoti uhagarariye Yezu muri Kiliziya, ayiduturira yishingikirije Yezu Kristu ku mutima no mu mubiri we ku buryo bushoboka bwose, abikesheje ingabire y'ukwemera yamutoreyemo na Roho wa Kristu umuri hafi *(Yoh 16, 13).*

Padiri utura Ukaristiya, amagambo avuga n'ibyo akora biramurenze. Gukora nka Yezu, ukavuga nka Yezu, si ibyo umuntu yisukira : ni ubutore ahamagarirwa, ni ubutumwa ahabwa muri Kiliziya ishingiye ku ntumwa, igashora imizi y'ukwemera kwayo mu ibanga rya Pasika. Niyo mpamvu Padiri watorewe gutura Ukaristiya ya Nyagasani asabwa guhora yigengesereye, agahora ahanga amaso ye kenshi kuri Yezu Kristu wamukunze akamutora, akamutuma, akamushinga umurimo ndengakamere muri Kiliziya ye wo guhozaho ibanga rya Pasika.

## 5. Munyita Nyagasani n'Umwigisha wanyu *(Yoh 13, 13)*

Mu isangira rya nyuma, aho Yezu Kristu yahereye Intumwa ububasha bwo gukora no gukomeza ibyo yari agiye kuzikorera, hari ikimenyetso Yezu yakoreye Intumwa gifasha Padiri utura Ukaristiya kudatinya ubuhangare bwa Yezu Kristu ahagarariye. Mbere yo gusangira nabo yarahagurutse abanza kuboza ibirenge, arangije aravuga ati ***«Munyita Nyagasani n'umwigisha wanyu kandi ni byo koko. Dore mbogeje ibirenge namwe mujye mubigenza mutyo hagati yanyu»*** *(reba Yoh 13, 13-14).* Nubwo icyo gihe batamushyikiraga mu myumvire yabo, yahatangiye isomo rikomeye ry'ubuvandimwe no kuba umuhereza wicisha bugufi. Ibyo Padiri akora byose ni aha aba yerekeza. Ni wo muco wa Yezu watumye abasha kujya ku musaraba kandi akahavana umutsindo. Kubaraga ubuvandimwe n'ubuhereza bwicisha bugufi, ni ingendo igomba kuranga Padiri, ni umuco n'umutima yamuraze ; ngo azabashe kugendana na We mu byo amushinga birenze ubushobozi bwe. Ni iyo nzira Yezu Kristu yashatse gucishamo Ukaristiya n'Ubupadiri muri Kiliziya ye.

Padiri rero mu gutura Ukaristiya yibuka Pasika ya Nyagasani, agahoza ku mutima no mu myitwarire ye ubushake bw'umuhereza wicisha bugufi n'amatwara ya kivandimwe, byaranze kandi bigaherekeza Yezu Kristu mu rupfu rwe ku musaraba no mu izuka rye mu bapfuye. Ni byo Kiliziya yubakiyeho, ni na byo kandi *byahesheje Yezu Kristu, imbere y'Imana Data,* ***«Izina riruta ayandi mazina» (Fil 2, 9)****.*

## 6. Ijambo ry'Imana mu mibanire y'Ukaristiya na Padiri

Niba twakomeje kuvuga Ukaristiya na Padiri mu ibanga rya Pasika, twibuke ko Ijambo ry'Imana ari ingenzi mu myumvire y'Ukaristiya no mu butumwa Padiri ashinzwe. Iyo bavuze Ijambo ry'Imana, hano ndaryumva mu ngeri eshatu : Ibyo abahanuzi bavuze, Ubuhamya bw'Intumwa n'Inkuru nziza ya Yezu Kristu. Pasika ya Nyagasani twizihiza none yuzuza muri yo ibivugwa muri izo ngeri z'Ijambo ry'Imana uko ari eshatu. Niyo mpamvu Intumwa n'abasimbura bazo bashingira Pasika ya Nyagasani ku byavuzwe mu Ijambo ry'Imana. Ni ryo Roho wa Kristu Yezu akoresha ngo yumvikanishe Pasika yacu muri Kiliziya *(Yoh 16, 13)*.

Ijambo ry'Imana ritunga Padiri, na we akaritungisha ikoraniro ashinzwe muri Kiliziya ; maze rigakomeza ukwemera kwe n'ukw'abo atungisha Ukaristiya ntagatifu. Mbese urebye, Ijambo ry'Imana n'andi masakaramentu bibereyeho kutwinjiza muri Ukaristiya, nk'Isakaramentu rikuru ry'ibanga rya Pasika yacu *(P.O. n. 5)*.

## 7. Pasika ya Nyagasani Yezu yujujwe rimwe, ariko yambukiranya ibihe, imyaka n'imico itandukanye y'abantu

Igihe cyacu kigeze, mu Rwanda twijihije Pasika tuyigejejweho n'abamisiyoneri. Tubashimire umwete n'ubwitange bagaragaje ngo batugezeho Inkuru Nziza ya Yezu Kristu. Pasika ya Yezu ya mbere yabereye i Yeruzalemu, ari kumwe n'Intumwa n'abigishwa. Abandi bakomeje kuza bazisanga babikesheje ubuhamya bwabo bwageze ndetse no ku bumaritiri *(Intu 11, 19-21)*. Kiliziya yo mu ikubitiro yubakiye ku Ntumwa no ku bahowe Imana bazira Izina rya Yezu. Iyo Kiliziya ishingiye ku Ntumwa n'abamaritiri yazamukanye ikibatsi cya Roho Mutagatifu Yezu yayisesekajeho kuri Pentekositi *(Intu 10, 44-48)*, maze Ukaristiya ntagatifu baturaga bamaze kwibukiranya Ijambo ry'Imana ikomeza kuba **Urwibutso rwa Pasika ya Nyagasani**. Ubwo kandi ari ko hakomeza gutorwa mu bemera, abasimbura Intumwa mu mirimo yo gutegura no gutura Ukaristiya.

Padiri wa mbere w'umunyarwanda twizihiza muri iyi Yubile y'imyaka 100 ishize abuhawe, ni imbuto nziza yeze ku mateka y'urugendo rurerure rw'Intumwa n'abazizunguye. Iyo mpano ivuka kuri Pasika ya Nyagasani, *Ukaristiya n'Ubusaserdoti*, n'Ijambo ry'Imana bidatana, byarashyize bigera i Rwanda. Maze ibakwe ry'urukundo rwa Kristu, ku bubasha bwa Roho Mutagatifu, byakirwa n'abana b'abanyarwanda ! Icyo kibatsi cya Roho Mutagatifu cyumvikaniye i Kabgayi, **kuwa 07 Ukwakira 1917**.

## 8. Nk'akabuto ka sinapisi *(Mt 13, 31)*

***« Nk'akabuto ka sinapisi » (Mt 13, 31)*** ni izina wenda ritazwi cyane, nyamara ryaranze amateka ya Kiliziya mu Rwanda. Ni urwandiko rwa Nyirubutungane Papa Yohani wa XXIII yanditse mu 1959 ashyiraho inzego za Kiliziya Gatolika mu Rwanda ; ubwo ibyari Vikariati byahindutse Diyosezi. Iyo barwa nubwo idakunze kuvugwa cyane, ariko yageze ku nshingano zayo. Yahuje neza n'ibyo umukurambere wacu, Musenyeri Yohani Yozefu HIRTH, waje we yitwaje intego ya *« Sitio »,* ari byo kuvuga ngo ***« Mfite inyota » (Yoh 19, 28).*** Yayifashe nk'ijambo rya Yezu Kristu ubwe yivugiye ku musaraba aho, mu bubabare bwinshi cyane n'urukundo rw'abo apfiriye yiyumvagamo, ryaje kumvikana muri Kiliziya nk'inyota yari afite yo kwifuza ko abantu benshi bazagera igihe bumva kandi bakemera ibyo yadukoreye kuri uwo musaraba. Inyota rero Musenyeri HIRTH na we yiyumvagamo kandi akayibona mu banyarwanda bashakaga kumenya Imana by'ukuri, bwari ubuhanuzi nk'ubundi. Uruhare yagize mu kwihutisha itorwa ry'abasaserdoti ba mbere mu Rwanda, rwaje kuba imbarutso y'ibyo twizihiza muri uyu mwaka. Wagira ngo Musenyeri HIRTH akigera mu Rwanda yahise atekereza kuhatora abapadiri mbere yo kuhabona abakristu, uretse ko ari cyo yari agamije !

Mu babatijwe ba mbere bo mu 1903, ni bo yahise atoramo abo ajya gutegurira kuzaba abapadiri, abajyana kwiga mu Iseminari i BUKOBA muri Tanzaniya ; kandi muri abo yajyanye mbere baje kuvamo abasaserdoti batatu ba mbere kandi babyitwayemo neza, ari bo : Padiri Balthazar GAFUKU na Padiri Donat REBERAHO, babuhawe kuwa 07 Ukwakira 1917 ; na Padiri Joseph BUGONDO wabuhawe ari uwa gatatu, kuwa 29 Kamena 1919.

Bakristu bavandimwe, dushime Yezu Kristu wemeye kudutoramo abasaserdoti ku ikubitiro ry'ubukristu mu Rwanda. Dushimire n'Ubushishozi bwa Musenyeri Joseph HIRTH, wabonye hakiri kare ko Inkuru Nziza izogezwa mu Rwanda bikozwe n'abana barwo kavukire.

## 9. Padiri w'umunyarwanda mu iyogezabutumwa no mu iterambere ry'Igihugu

Padiri kavukire, nk'umukristu muri Kiliziya akaba n'umwana w'igihugu, tumukesha byinshi mu burezi, mu buvuzi no mu gusigasira umuco nyarwanda. Mu burezi, bashinze amashuli barigisha, na n'ubu kandi kurera no kwigisha biri mu byitabwaho cyane. Mu buvuzi, uretse gushinga amavuriro ya kijyambere, hari n'abapadiri binjiye mu buvuzi bwa kinyarwanda : nka Padiri Donat REBERAHO wajyaga mu mirima no mu mashyamba gushaka imiti akavura abakristu ; uwitwa Padiri Thomas BAZARUSANGA wanditse igitabo cyitwa *« Inzoka n'abagombozi »*, akaba umupadiri wakoze umurimo w'ubugombozi ; dore ko mu gihe cye hari hakiriho amashyamba arimo inzoka zaryaga benshi. Ntitwakwibagirwa kandi Musenyeri Telesifori KAYINAMURA, wegeranyije abavuzi ba kinyarwanda, maze agakora ivuriro ryabo ryamamaye i Bare ho mu Gisaka.

Mu kubungabunga umuco wa kinyarwanda, abari ku isonga ni Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI na Musenyeri Alexis KAGAME, kimwe n'abandi babaye ibyamamare mu ndirimbo za kinyarwanda zanditse.

## 10. Nyamara nta byera ngo de !

Muri ayo mateka n'ubwiyongere bw'abapadiri mu Rwanda, haje kuzamo agahomamunwa k'irondakoko, ryageze aho ribyara jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Ni igisare gikomeye kuri Kiliziya. Nubwo tutashoboye guhangana n'ubukana yazanye, ariko umukristu nyawe ni utarigeze yiyumva muri ayo marorerwa y'irondakoko no mu marorerwa ya jenoside yakorewe abatutsi.

Nubwo kandi hari n'abapadiri n'abiyeguriye Imana bahamijwe icyaha cya jenoside n'ubutabera ; Kiliziya, mu bubabare bwinshi, yitandukanyije n'ayo marorerwa ya jenoside yakorewe abatutsi, isaba imbabazi nk'umubyeyi wabonye amarorerwa ya jenoside yakozwe n'abakristu kandi bayikorera abandi bakristu. Biradusaba rero kujya dusubira kenshi ku isoko y'ubuhereza buciye bugufi, n'urukundo rwa kivandimwe Yezu Kristu yagize irango rya Pasika ; kugira ngo twomore ibikomere byasizwe na jenoside yakorewe abatutsi kandi twubake ubumwe bwacu.

## 11. Icyo nifuriza Padiri nk'umwogezabutumwa mu Rwanda rw'ejo

Pasika ya Nyagasani Yezu twibuka igihe cyose dutura Ukaristiya, igomba guhembera muri Padiri ya matwara y'umuhereza wicisha bugufi no guhamya ubuvandimwe ; kugira ngo tubashe kwishushanya na Yezu Kristu udatuza kudutoramo abasaserdoti. Hari imirimo itatu naha abapadiri mu Rwanda rwa none n'ejo hazaza, nk'umusingi twashingiraho ubusaserdoti bunogeye Yezu wadutoye na Kiliziya ibidutoza: kugira umwete wo gusenga bihamya ukwemera, gutura Ukaristiya neza nk'urwibutso rwa Pasika ya Nyagasani binoza isura ya Padiri, no kuba umuhereza w'ikoraniro ushinzwe mu bwiyoroshye dukesha Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, bituma twizihirwa n'ubutore twahamagariwe. Ibindi bisigaye byose kugira ngo ube Padiri uko bikwiye, ubihabwaho umugereka.

## 12. Umusozo

Bakristu bavandimwe, kuri iyi Pasika ya Nyagasani Yezu n'iyacu, nk'umuryango w'abakristu, nifuje kwendera kuri iri jambo Padiri avuga iteka igihe atura Ukaristiya ntagatifu, yibuka Pasika ya Nyagasani, agira ati ***"Ibi mujye mubikora munyibuka" (Lk 22, 19)***. Nagerageje rero kubihuza na Yubile y'imyaka 100 ishize umwana wa mbere w'umunyarwanda atorewe iyo ngabire y'ubusaserdoti.

Kuba twaraciye mu mateka mabi ya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, byaduhaye isomo rikomeye ryo kuvugurura no kunoza imyumvire, imibereho n'imibanire mu ngamba z'iyogezabutumwa zigenda zifatwa; mu buhereza buciye bugufi n'ubuvandimwe budaheza. Nitubishaka kandi tukabyemera, Kiliziya mu Rwanda izaba icyo Yezu Kristu ayishakaho: kubana kivandimwe dusangira Ukaristiya ntagatifu byubaka Kiliziya.

Nyagasani Yezu abane namwe, Mugire Pasika Nziza!

**+Smaragde MBONYINTEGE**
**Umushumba wa Diyosezi ya KABGAYI**

SMARAGDE MBONYINTEGE EPISCOPUS KABGAYIENSIS